# UBURYO WAKWISABIRA IHEREREKANYA RY'IKINYABIZIGA (MUTATION) MU IKORANABUHANGA

## UKO WAKWISABIRA MUTATION UDAFITE IBIRARANE N'UGURA NTA YINDI PLAQUE ASANGANWE

1. Injira ku rubuga **etax.rra.gov.rw**
2. Shyiramo **TIN** and **Password**
3. Kanda ahanditse **Motor vehicle**
4. Kanda kuri **ownership transfer**
5. Hitamo ahanditse **Transfer from myself to another person**
6. Hitamo **plate number** wuzuzemo na nimero ya Shase **(Chassis number)**
7. Kanda kuri **submit**
8. Baraguha paji wuzuzamo amakuru usabwa harimo aho ushaka gufatira Plaque, impamvu y'ihererekanya, TIN y'ugura, itariki, uwo ushaka ko azagufatira plaque niba utaziyizira, unashyiremo ibyangombwa usabwa
9. Injizamo ijambobanga **(OTP)** wakiriye kuri telephone yawe cyangwa email
10. Kanda ahanditse **Emeza,** Ubundi ukore kuri **submit**
11. Urahita ubona ahanditse **print payment stub,** urebeho nimero yo kwishyuriraho ubundi wishyure

Nyuma yo kwishyura, uhabwa ubutumwa buvuga ko Ubusabe bwawe bwakiriwe neza, buguha n'igihe cyo kuzagufata plaque

## UKO WAKWISABIRA MUTATION UFITE PLAQUE IRIHO IBIRARANE, UWAGUZE ASANGANWE IZINDI PLAQUE

1. Injira ku rubuga **etax.rra.gov.rw**
2. Shyiramo **TIN** and **Password,** ukande ahanditse **Motor vehicle**
3. Kanda kuri ownership transfer
4. Hitamo ahanditse **Transfer from myself to another person**
5. Hitamo **plate number** unuzuzemo nimero ya shase **(Chassis Number)** ukande kuri **submit**
6. Baraguha paji wuzuzamo **amakuru usabwa** arimo **guhitamo aho uzafatira plaque, itariki, impamvu y'ihererekanya**, ndetse unashyiremo **ibyangombwa usabwa.**
7. Niba ufite ibirarane urakanda ahanditse **view kuri buri kirarane**, ukimenyekanishe unishyure
8. Nuhitamo gukomeza utishyuye ibirarane urakanda ahanditse I want to proceed for ownership request though there are arrears
9. Urabona paji wuzuzamo niba ari wowe uzifatira plaque, aho ushaka ko bohereza ijambo banga, TIN y'ugura, n'imyirondoro y'uwo uzatuma niba utaziyizira gufata ibirango bishya. ushaka kubona ijambobanga kuri telephone no kuri email, urakanda ahanditse **both**
10. Kanda ahanditse available plates niba ugura asanganwe izindi plaque muhitemo imwe Injizamo ijambobanga **(OTP)** wakiriye kuri telephone yawe cyangwa email
11. Kanda ahanditse **Emeza**, ubundi ukore kuri **submit**
12. Haraza paji iguha uburyo bwo kureba amakuru ku ihinduranya ukoze, ndetse n'urupapuro ruriho nimero yo kwishyurarho ubona ukanze ahanditse **print payment stub**

Nyuma yo kwishyura, urabona ubutumwa bugufi bukubwira ko ubusabe bwawe bwakiriwe
Niba wahisemo gukomeza utishyuye ibirarane, utegereza ubutumwa buzakubwira niba ubusabe bwawe bwemewe cyangwa butemewe
Iyo ubusabe bwawe bwemewe, uhabwa ubutumwa buvuga ko Ubusabe bwawe bwakiriwe neza, buguha n'igihe cyo kuza gufata plaque

## UKO WAKWISABIRA MUTATION WAGUZE IKINYABIZIGA MURI CYAMUNARA

1. Injira ku rubuga **etax.rra.gov.rw**
2. Shyiramo **TIN** and **Password**
3. Kanda ahanditse **Motor vehicle**
4. Kanda kuri **ownership transfer**
5. Kanda ahanditse **Transfer to myself**
6. Urabona paji wuzuzamo nimero ya **shase y'ikinyabiziga** cyaguzwe, uhitemo impamvu y'ihinduranya, uhitemo plaque ushaka gukoresha niba uyisanganwe, ubundi ukande kuri **Submit**
7. Hitamo aho uzafatira purake ukanda ahanditse **Tax Office**, uhitemo **itariki waguriyeho** muri cyamunara, ubundi ukande ahanditse **upload** ushyiremo ibyangombwa usabwa
8. Niba ushaka kubona ijambobanga kuri telephone no kuri email, urakanda ahanditse **both**
9. Niba ari wowe uzaza kwifatira plaque hitamo ahanditse **myself**, cyangwa ukande kuri **other representative** wuzuzemo imyirondoro ye niba atari wowe uziyizira
10. Uzuza **TIN y'uguze**, winjizemo ijambo banga **(OTP)** wakiriye, ukande ahanditse ***Emeza*** ubundi ukore kuri **submit**
11. Kanda ahanditse **print acknowledgment** ubone amakuru ajyanye n'ihinduranya ry'ikinyabiziga cyawe
12. Ujye ahanditse **print payment stub**, urebeho nimero yo kwishyuriraho ubundi wishyure

Nyuma yo kwishyura, urabona ubutumwa bugufi bukubwira ko ubusabe bwawe bwakiriwe